

REPUBLIKA Y’U RWANDA



MINISITERI YA SIPORO N’UMUCO

INDANGAGACIRO Z’UMUCO W’U RWANDA

Igitabo nyobozi

2018

© Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, 2018
B.P. 5796 KIGALI

Gishyizwe ku mugaragaro bwa mbere mu Ukuboza, 2018

Uburenganzira bwose burakomye. Umuntu wese uzandukura, uzafotora, cyangwa agakoresha ubundi buryo bwose agamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rirengera umutungo bwite mu by'ubwenge.

ISBN: 978-99977-787-03

Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda, Igitabo nyobozi

**“Umuco dusangiye uraturanga,
Ururimi rwacu rukaduhuza”...**

(Rwanda Nziza, Indirimbo yubahiriza Igihugu)



**“Umuco mwiza wakureze
Ntugatume udindira
Mu by’abandi jya utoranya ibyiza
Ibifutamyeye ujugunye”...**

(Cyprien Rugamba, INRS, 1987)

ISHAKIRO

ISHAKIRO	5
IJAMBO RY'IBANZE	7
INTANGIRIRO	8
INTEGO Z'IGITABO.....	9
IMITERERE Y'IGITABO	9
UMUTWE WA MBERE: IBISOBANURO BY'AMAGAMBO	10
UMUCO	10
INDANGAGACIRO.....	11
KIRAZIRA	12
IGIHUGU	12
UMUTWE WA KABIRI: INDANGAGACIRO REMEZO	13
GUKUNDA IGIHUGU	15
Ibiranga gukunda Igihugu	15
Indangagaciro zishamikiye ku gukunda Igihugu	15
Kirazira zerekeye ku gukunda Igihugu.....	20
UBUMWE	22
Ibiranga ubumwe	22
Indangagaciro zishamikiye ku bumwe	22
Kirazira zerekeye ubumwe	27
UBUPFURA	31
Ibiranga ubupfura	31
Indangagaciro zishamikiye ku bupfura	31
Kirazira zerekeye ku bupfura.....	35
UMURIMO	37
Akamaro k'umurimo.....	37
Indangagaciro zishamikiye ku murimo	37
Kirazira zerekeye ku murimo	39
UMUTWE WA GATATU: INGAMBA ZO KWIMAKAZA INDANGAGACIRO	41
Gutegura imfashanyigisho	41
Ibiganiro mu muryango	42

Ubukangurambaga.....	42
UMWANZURO	43
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE	44

IJAMBO RY'IBANZE

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rifata umuco nk'inkingi ya mwamba ifasha kubaka no gushimangira mu Banyarwanda imitekerereze, imyifatire, imyitwarire n'imigirire ibaganisha ku iterambere rirambye, riha kandi leta y'u Rwanda inshingano yo kurengera no guteza imbere umuco w'u Rwanda.

Mu Nama Mpuzamahanga ku Iterambere ry'Umuco yabereye i Mexico mu mwaka wa 1982, hemejwe ko ku isi amajyambere ashingiye ku muco ari yo aramba. Ni yo mpamvu Leta y'u Rwanda yahaye inzego zishinzwe umuco gukora ibishoboka byose indangagaciro z'umuco nyarwanda zikaba inkingi y'imibereho myiza ya buri muturarwanda, zikanamugenga mu mibanire ye n'abandi.

Minisiteri ya Siporo n'Umuco, ikaba yarateguye igitabo nyobozi cy'indangagaciro z'umuco w'u Rwanda cyakwifashishwa mu bukangurambaga bugamije kumenyekanisha no guteza imbere umuco. Indangagaciro remezo zatoranyijwe mu zindi ni izi: **Gukunda Igihugu, Ubumwe, Ubupfura n'Umurimo.**

Ndashimira abagize uruhare bose mu itegurwa ry'iki gitabo, kandi ndashishikariza buri Munyarwanda, aho ari hose, kurangwa n'izi ndangagaciro kuko ari zo shingiro n'inkingi by'iterambere ry'Igihugu cyacu.



NYIRASAFARI Espérance
Minisitiri wa Siporo n'Umuco

INTANGIRIRO

Buri gihugu kigira umuco ukiranga ukagitandukanya n'ibindi. Umuco ugira uruhare runini mu mibereho n'iterambere ry'abagituye. Kugira ngo Abanyarwanda bumve intera zitandukanye z'iterambere bazigire izabo kandi biborohere kuzigeraho ni ngombwa ko zitegurwa zishingiye ku mucu. Ni ko ibihugu bimwe byo muri Aziya byagize impinduka n'umuvuduko mu iterambere ryabyo: u Bushinwa, Singapuru, Mareziya...

No mu Rwanda kandi hari ibikorwa byahinduye imibereho y'Abanyarwanda bishingiye ku mucu: imihigo, Gira inka Munyarwanda, Ubudehe, Umuganda, Umugoroba w'Ababyeyi, Umushyikirano, Umwiherero w'abayobozi, Abunzi, Inkiko Gacaca...

Umuco, cyanecyane indangagaciro ziwugize, ni kimwe mu byo Abanyarwanda bavomyemo ibitekerezo, ibikorwa nk'ibyo bigamije iterambere kandi byubaka Igihugu gifite ikerekezo gihamye.

Kutubahiriza zimwe mu ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda byagize ingaruka zikomeye mu iterambere ry'Igihugu no ku muryango nyarwanda ubwawo, kugeza ubwo ubuzima bwa muntu bwubahukwa, hakaba Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Nyuma yaho, inzego za Leta, n'abashakashatsi banditse ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda, bashaka uko zafasha mu kuzahura Igihugu no kugiha ikerekezo gishya.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco yitaye kuri izo nyandiko n'ibitekerezo binyuranye, yasanze byaba byiza kwibanda ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda ari zo: Gukunda Igihugu, Ubumwe, Ubupfura n'Umurimo. Buri Munyarwanda azigize ize uko ari enye, byamubera imbaduko ituma afatanyaga n'abandi gukataza baja imbere.

INTEGO Z'IGITABO

Intego rusange

Iki gitabo kigamije kugaragaza indangagaciro z'ingenzi zafashije kandi zizahora zifasha Abanyarwanda kubaka Igihugu giteye imbere, ari mu bukungu ari no mu mibereho myiza y'abagituye.

Intego zihariye

Gufasha Abanyarwanda n'abanyamahanga kumva no gusobanukirwa indangagaciro z'umuco w'u Rwanda;

Korohereza abashaka gukora imfashanyigisho ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda.

IMITERERE Y'IGITABO

Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu byose bigamije gusesengura indangagaciro n'ibizira dusanga mu muco w'Abanyarwanda.

Umutwe wa mbere ugizwe n'ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi akoreshwa muri iki gitabo. Muri uyu mutwe kandi hagaragazwa imitekerereze y'Abanyarwanda ku Mana, ku Gihugu no ku buyobozi.

Umutwewakabiri usesengura indangagaciro Abanyarwanda bahuriyeho, bakanazibonamo by'umwihariko. Uyu mutwe kandi ugaruka ku bizira Abanyarwanda bakwiye kwirinda.

Umutwe wa gatatu urerekana ingamba z'ingenzi zo kwimakaza indangagaciro z'umuco w'u Rwanda kugira ngo zirusheho kugera kuri benshi.

UMUTWE WA MBERE: IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

UMUCO


Ijambo *umuco* rikomoka ku nshinga “guca”, akaba ari yo mpamvu bagira bati: “Uyu mwana afite ingeso nziza aca kuri se cyangwa kuri nyina”. Ibi bisobanura ko umuco ari ibyo dukomora ku batubanjirije.

Ariko kandi, nk’uko Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku burezi, ubumenyi n’Umuco (UNESCO) ribivuga, umuco ni uruhurirane rw’uburyo n’ubushobozi abantu bubaka amateka y’imibereho n’imibanire byabo bahereye ku bumenyi bakomora ku bakurambere babo. Ubwo bumenyi bugaragarira mu bugeni, ubuhanzi, ururimi n’amarenga bakoresha mu kuganira no guhererekanya amakuru cyangwa gutumanaho. Ibyo byose bikababera nk’igicumbi k’imihango n’imigenzo bemeranywaho, ibafasha kubaho, kwitwara neza no gukora ibikwiye mu muryango [UNESCO, 1982].

Umuco ni ishingiro ry’ubumwe bw’abenegihugu kuko bawusangiye, ukabaranga. Ni ishingiro ry’ituze mu muryango w’abantu kuko uhuza abenegihugu mu mikorere, mu mihango, mu migenzo no mu bihangano byabo.

Umuco w’umuntu ntuvukanwa, ahubwo uratozwa. Utandukanye na kamere muntu kuko wo ari imyitwarire, imitekerereze, ubumenyi, imyemerere umuntu agenda ahererekanya n’abandi bitewe n’ahantu batuye, amateka yabo n’ibibakikije. Ni na wo uyobora abawusangiye mu ruhande rw’amahanga, bigatuma abenegihugu bagira uko bateye n’imyifatire ibatandukanya n’abandi.

Uko ibihe bisimburana, umucowubakwan'ibintu bitatu (3) bisobekeranye ari byo umurage, ibitirano n'ibihangano, nk'uko bigaragara muri iki gishushanyo.



Umurage ni ibyo abakurambere badusigiye kandi tugenderaho nk'ururimi, ubuvanganzo, imihango, imyemerere, imitekerereze, imikorere, imyitwarire, n'ibindi.

Ibitirano ni ibyo tuvana mu mico y'ibindi bihugu ariko bifitiye Abanyarwanda akamaro. Twavuga nk'amagambo ava mu ndimi z'amahanga (demokarasi, perezida, ishuri, karibu, akarango, terefoni...); nk'imirimo y'amahoteri, imyuga ya sinema,...); nk'iyobokamana rishya (abagatorika, abaporotesitanti, abayisilamu). Twavuga kandi n'imikorere mishya (kwambara imyenda, imiturirwa, n'ibindi...).

Ibihangano ni ibyo abantu bahanga bagamiye gusubiza ibibazo barimo nk'abunzi, gira inka, umugoroba w'ababyeyi, inganda ndangamuco, n'ibindi.

INDANGAGACIRO

Ntibyoroshye gutandukanya umuco n'indangagaciro ziwugize, kuko ahanini umuco w'abantu ugaragarira nyine mu ndangagaciro. Indangagaciro ni imyumvire, imitekerereze n'imigirire myiza bishingiye ku mucu biranga abantu babihuriyeho, bigashimwa n'ababibona bakifuza kubikurikiza.

Mu magambo make, indangagaciro ni ibimenyetso ngiro n'imyifatire myiza biranga abantu batuye igihugu iki n'iki; ni ibikorwa ndangamuco abanyagihugu bemera, kandi bifuzwa ko byahora bibaranga, bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bikaba amahame y'uburere atozwa abato.

KIRAZIRA

Kirazira ni indindagaciro zituma ingeso mbi n'imyitwarire igayitse bikumirwa kugira ngo bidahungabanya imibanire myiza, bigateza igisebo, umugayo ndetse n'akaga mu muryango n'igihugu.

IGIHUGU

Igihugu ni akarere gatuwe n'abantu benshi bahuriye ku muyobozi umwe n'amategeko bishyiriraho ngo abagenge. Igihugu kirangwa n'ubutaka bufite imbibi zizwi, amateka, ubutegetsu n'ibirango abagituye bahuriyeho kandi bibonamo.

Mu myemerere yabo gakondo Abanyarwanda bemera ko Igihugu cyabo bagihawe n'Imana. U Rwanda kuri bo si Igihugu gusa Imana yabahaye; ahubwo ni ibyo batunze, ibitekerezo, imyemerere, inzozo zabo n'ibindi byose bafite ku mutima. Ni yo mpamvu bagira bati: "Umunyarwanda ni uw'umutima" (Nothomb D., 1965, p.54).

UMUTWE WA KABIRI: INDANGAGACIRO REMEZO

“Mu rwego rwo kubaka Igihugu, kwimakaza umuco wacyo no kwihesha agaciro, Abanyarwanda bashingiye ku ndangagaciro zabo, bashyiraho uburyo bwo kwishakamo ibisubizo by’ibibazo byabo”.

(Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, 2015 ingingo ya 11)

Uyu mutwe usesengura indangagaciro Abanyarwanda bahuriyeho kandi bibonamo. Ni zo zibatandukanya n’abanyamahanga, zikagira uruhare mu iterambere ry’Igihugu. Izo ndangagaciro zigaragarira mu myemerere, mu myumvire, mu migenzereze, mu mivugire no mu mibanire by’Abanyarwanda.

Kuva kuri Gihanga wahanze u Rwanda, imyemerere yabo yari ishingiye ku kwemera no kubaha Imana. Iyo myemerere yatumaga hari ibyo batinya kandi bakaziririza byerekeye Imana, u Rwanda n’Ingoma: Imana Rurema, Igihugu ingobyi ibahetse, Ingoma n’Umwami bihagarariye iyo Mana.

Mu myemerere y’Abanyarwanda kandi, *umutima* ni wo kicaro k’indangagaciro, ibyo bemera ndetse n’ibyo baziririza. Ni igicumbi k’imico myiza iranga Umunyarwanda. Ni yo mpamvu bagira bati: *“Umunyarwanda ni uw’umutima”* (Nothomb D., 1965, p.54).

Umutima w’Abanyarwanda n’indangagaciro ziwugize cyanecyane izigenga imibanire y’Abanyarwanda mu muryango, izigenga imibanire yabo n’Igihugu hamwe n’izigenga imibanire y’Abanyarwanda n’ubutegetsu zishingiye ku ***“Kubaha Imana”***. Imana kuri bo ni yo ntangiriro ya byose kandi ni yo yaremye byose nk’uko bigaragara mu mvugo no mu mazina menshi bagenda bayiha (Muzungu B., 1975, pp. 67-75): *Imana y’i Rwanda, Iyambere, Iyakare, Rugira, Nyirububasha, Nyagasani...*

Muri uyu mutwe rero, indangagaciro zirimo ibyiciro bibiri: indangagaciro remezo n'indangagaciro zizishamikiyeho. Urebye, indangagaciro zose zirangana, ntayisumba izindi ahubwo zikagenda zisobekerana kandi zuzuzanya. Bitewe n'icyo umuryango uyu n'uyu ushaka gushyira imbere, usanga hari indangagaciro wibandaho kurusha izindi zikaba ari zo ziwuranga. Urugero: Hari imiryango mu Rwanda izwiho kugira ubwuzu no kwakira neza abayigana, hakaba hari n'izwiho kuganira no gusabana kurusha indi. Kuba iyo miryango yarashyize imbere izo ndangagaciro, ntibivanaho ko abayigize baba bafite n'izindi ziranga Umunyarwanda.

Indangagaciro remezo muri uyu mutwe ni indangagaciro Leta y'u Rwanda yasanze ari zo z'ingenzi zikwiye kuranga Abanyarwanda mu mibereho yabo kugira ngo bagere ku iterambere rirambye. Muri izo ndangagaciro remezo, hari eshatu ziri mu kirango cya Repubulika y'u Rwanda, mu Itegeko Nshinga no mu ndirimbo yubahiriza Igihugu ari zo: "Gukunda Igihugu, Ubumwe, Umurimo". Kuri izo ndangagaciro eshatu hiyongeraho Ubupfura bukubiyemo imico myiza iranga Umunyarwanda.

GUKUNDA IGIHUGU

Gukunda Igihugu ni ugukunda bene cyo, abagituye nta kuvangura, gukunda ibikigize byose nk'ubutaka, ururimi, umuco, amateka; kugikorera, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwacyo, kukitangira byaba ngombwa ukaba wanagipfira.

Ibiranga gukunda Igihugu

Gukunda Igihugu ku Banyarwanda bigaragarira mu buryo bagiha agaciro kandi bagashishikarira kugikunda, kugikorera no kukitangira.

Abanyarwanda baturira ku mutima nama utuma bakunda Igihugu cyabo kuko bumva bafite inyungu zimwe, umurage umwe, bakanagira ikerekezo kimwe.

Kuva kera kandi, Abanyarwanda bashima ingirakamaro n'abaharanira ubusugire bw'Igihugu, haba ku rugamba rw'umuheto, mu butegetsi, mu bukungu, mu butabera n'imibereho myiza, n'ahandi.

Indangagaciro zishamikiye ku gukunda Igihugu

Mu ndangagaciro zishamikiye ku Gukunda Igihugu, harimo kubaha ubuyobozi, kugira ubwitange, kugira ubutwari, kugira uruhare mu bikorwa by'Igihugu, gucunga neza ibya rubanda, kubungabunga umutekano no kugira ishyaka.

Kubaha ubuyobozi

Abanyarwanda bubaha ubuyobozi bwiza n'ibiburanga kandi bakubahiriza amategeko. Abayobozi beza na bo bubaha abo bayobora bakanubahiriza amategeko, ubwo bakaba bahaye agaciro ubuyobozi.

Kugira ubwitange

Ubwitange ni ugukora utizigama, ukigomwa inyungu zawe bwite ushyira imbere inyungu rusange n'iz'Igihugu, ndetse byaba ngombwa ugahara ubuzima (NIC, 2014, p.42).

Umunyarwanda ukunda Igihugu arakitangira. Mu Rwanda rwa kera, hari abatasi n'abatabazi bajyaga ku rugamba bazi neza ko bashobora kugwayo. Hari n'abacengeri bemeraga kuba ibitambo, bakamenera amaraso yabo ishyanga, ku nyungu z'Igihugu.

Muri iki gihe, ubwitange bugaragarira mu bikorwa bigamije guteza imbere Igihugu no kurengera ubusugire bwacyo. Uwitanze ntagomba kwirata ibyo yakoze, ahubwo inyungu zivuyemo azisangira n'abandi.

Kurangwa n'ubutwari

Ubutwari bujyana n'ishyaka ryo gukurikirana ibyo umuntu yiyemeje kugeraho, bikavamo igikorwa k'ikirenga gifitiye abandi akamaro, akabikora mu bupfura, mu kwihangana no mu bwitange buhebuje, kandi akirinda ubugwari mu migirire ye, ntagamburuzwe n'amananiza.

Ubutwari bufatwa nko kwiyemeza gukora ikintu ugamije ineza y'abantu benshi, byaba ngombwa ukaba wabizira. Intwari ntizitinya gutanga ubuzima bwazo bitewe n'uko ziba zemera ukuri kandi zikaba ziteguye kugupfira bibaye ngombwa (CHENO, 2015, p.11).

Umuco w'ubutwari wo ni amatwara meza abantu bumvikanaho, akabaranga mu buzima bwabo bwa buri muni, akabaha ikerekezo gihamye, bagamije iterambere rusange n'ubusugire bw'igihugu cyabo.

Mu Rwanda, umuco w'ubutwari ugaragara mu bihe bitandukanye by'amateka y'Igihugu. Amateka ya kera atwereka ko Abanyarwanda bumvaga ko: "*U Rwanda rutera rudaterwa*"; ibi bikaba byaragarazaga ikizere bagiriraga ubutwari bw'ingabo zabo.

Amateka kandi atwereka ko kwigomwa inyungu bwite ugamiye inyungu rusange ukaba wanakwemera guhara amagara yawe, byaranze Abanyarwanda benshi. Kwanga kurwanirira Igihugu kubera gutinya urupfu ni igisebo k’uwabikoze, n’ubu bamuciraho wa mugani ngo: *“Wanga kumenera Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa”*.

Kugira ishyaka

Abanyarwanda bakunze gukoresha amagambo “kurwana ishyaka” bashaka kuvuga imbaraga n’ubukaka umuntu agira mu gushyigikira ibyo yashyize imbere.

Ishyaka rero ni umutima umuntu agira umutera ubwira bwo gukora ikintu kubera kwanga kurushwa cyangwa kugawa. Ishyaka rituma umuntu ahagurukira gukora icyo akunze, akagikora neza kandi vuba.

Kugira ubushishozi

Kugira ubushishozi bijyana no kwitonda; umuntu akareba kure, akamenya ukuri kutagaragarira buri wese. Ubushishozi bufasha mu gutekereza ku biriho n’ibizaza, inyungu n’ingaruka byagira, maze bigatuma umuntu afata ikemezo gikwiye mu gihe nyacyo.

Umuco w’u Rwanda utoza abantu gushishoza, ukabigisha ko nta gikorwa gihutiyeho, ko umuntu ari ubanza kwitonda agatekereza ku byo agiye gukora; bityo, akirinda guhubuka. Ni bwo bavuga ko *Uwitonze akama ishashi*.

Kubungabunga umutekano

Umunyarwanda uboneye amenya ko ashinzwe umutekano w’abantu n’ibintu muri rusange. Umutekano we bwite awukesha umutekano rusange wabungabunzwe na bese. Umutekano uha abantu umwanya wo gutekereza no gukora ibikorwa byiza bibateza imbere ubwabo n’Igihugu kandi bigakorwa mu mudendezo.

Kwagura amarembo

Kubera impamvu zitandukanye zishingiye ku mateka y'Igihugu, iterambere, ubumenyi n'ikoranabuhanga, umuco w'u Rwanda waguye amarembo maze usabana n'imico y'ahandi. Kwagura amarembo bigaragarira mu buryo u Rwanda rubanye n'amahanga, mu korohereza ishoramari, amashuri mpuzamahanga ari mu Rwanda, koroshya urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu, n'ibindi.

Kugira uruhare mu bikorwa by'Igihugu

Buri Munyarwanda afite ijamba mu bimukorerwa. Imiyoborere rero igomba kumushingiraho akagira uruhare mu igenamigambi ry'Igihugu no mu ishyirwa mu bikorwa ryaryo. Abanyarwanda bakwiye kandi kugira uruhare mu ikurikiranabikorwa no mu isuzumabikorwa, mu gutora no gushyiraho ababayobora.

Gucunga neza ibya rubanda

Umunyarwanda ukunda Igihugu amenya gutandukanya ibye bwite n'ibyo acungiyeye rubanda. Ushinzwe gucunga ibya rubanda arabyubaha, akanagira inshingano zo kubiteza imbere no kubyongera.

Umuyobozi nyawe ni uyoborana umutima akubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko, akoresha neza icyubahiro afite, ububasha n'uburenganzira yemerewe.

Kurwanya ruswa n'akarengane

Ruswa ni uburyo cyangwa igikorwa byo gukoresha nabi ububasha umuntu yahawe mu nyungu ze bwite.

Ruswa igaragarira mu ngeri nyinshi: kwakira amaturo (impano) anyuranye kugira ngo ukunde ukore icyo wagombaga gukora nta kiguzi, cyangwa se ureke gukora icyo ushinzwe mu nyungu z'uguhaye impano. Ruswa ishobora kuba kandi ikimenyane, icyenewabo, irondakoko n'irondakarere, gutonesha, kuba nyamugwahashe cyangwa rutemayeze, kwigengesera ngo utiteranya cyangwa se kudakorera igihe

ibyho ugomba gukora kugira ngo ukugana namara gusiragira kenshi yibwirize n'ibindi.

Gutandukanya ruswa n'akarengane biragoye, kuko usanga byegeranye cyangwa se kimwe gikomoka ku kindi. Ruswa ikurura akarengane nk'uko akarengane na ko gashobora kuyiha icyuho.

Ruswa imunga umutima nama w'abantu benshi, ikazitira iterambere ry'umuco, poritiki, imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu bw'igihugu muri rusange.

Guharanira ubutabera

Umunyarwanda w'umutima kandi ukunda Igihugu ke, akora igikwiye mu gihe gikwiye. Aharanira ko buri wese abona ibimugenewe. Mu gihe cy'amakimbirane, ayakemura atabereye cyangwa ngo agire uwo arenganya, agaca urubanza araramye.

Uburinganire n'ubwuzuzanye

Guteza imbere Igihugu ni inshingano ya buri Munyarwanda: abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu. Kubaha agaciro kangana ni ukubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu burere, mu burezi, mu mirimo, mu kuzungura.

Kirazira zerekeye ku gukunda Igihugu

Gutatira Igihugu

Gutatira Igihugu ni ukukigambanira, kugisebya, kumena ibanga ryacyo kuko Igihugu ari ingobyi ihetse ba nyiracyo. Kirazira rero gutatira Igihugu kuko byaba ari nko gutema ishami wicayeho.

Kuyobora nabi

Kuyobora nabi ni nko gucamo abantu ibice, kubogama, gutonesha, gukoresha ikenewabo, kutavugisha ukuri no guhisha rubanda ibyo bagomba kumenya, kwaka ruswa, kuyirya no kuyitanga. Kuyobora nabi kandi ni uguhohotera no gusuzugura abo uyobora mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Byongeye kandi, kuyobora nabi ni ukwishyira hejuru y'amategeko, kurenganya abo uyobora, gutegekesha igitugu no kwica nkana amategeko n'amasezerano witwaje ububasha ufite.

Kuba ikigwari

Ikigwari ni umuntu utagize icyo amarira abandi kandi akanga kugera ku ntego. Ntashobora kugira icyo akora kuko ahora afite ubwoba, agatinya no kuvugisha ukuri ngo atiteranya cyangwa ngo yikure aho yari ari.

Kugenzwa n'inyungu bwite, inda nini n'umururumba

Kugenzwa n'inyungu bwite ni ukwirengagiza inyungu rusange mu bintu bihuriweho na benshi. Abantu bakora batyo usanga iyo babonye inyungu bari bategereje ku gikorwa ari nke, cyangwa ari nta yo, bakidindiza cyangwa bakakireka, kabone niyo byaba byari bugirire abantu benshi akamaro. Iyi ngeso igendana n'inda nini ndetse n'umururumba.

Inda nini ituma umuntu atareba kure, agatererana abo bari kumwe, umugambi bihaye ntawuhe agaciro, agakurikirana inyungu bwite aho gufatanya n’abandi. Arikunda, agira ubusambo akanikubira.

Gusambira ibyaduka

Gusambira ibyaduka ni gusamira hejuru no gukoyora imico y’ahandi nta gushungura, kwigana buhumyi imico n’imyitwarire by’ahandi nko mu myambarire, imivugire, imihimbire n’imibyinire.

UBUMWE

Abanyarwanda babona ubumwe nk'imigenzereze y'abaturage bemera ko basangiye ubwenegihugu, umuco n'uburenganzira bungana, barangwa n'ubwizerane, ubworoherane, ubwubahane, uburinganire, ukuri, komorana ibikomere kugira ngo bashobore kwiteza imbere mu mahôro asesuye (NURC.,2007, p.6).

Amateka y'imibanire y'Abanyarwanda yagiye atokozwa n'imiyoborere mibi yashyize imbere ivangura, itonesha n'ihwezwa rya bamwe. byagiye bituma Abanyarwanda bashyamirana kugeza habaye Jenocide yakorewe Abatutsi. Nyamara kuva kera, ubumwe ni indangagaciro ikomeye Abanyarwanda bagiye bashingiraho mu kwiyubaka ubwabo no gukomeza Igihugu cyabo. Kandi ni mu gihe Abanyarwanda bagira bati: *“Ababiri bajya inama baruta umunani urasana”*.

Ibiranga ubumwe

Mu kinyarwanda bavuga ko kubaho ari ukubana. Ni yo mpamvu ubumwe bw'Abanyarwanda ari indangagaciro y'ingenzi. Ni inkingi mwikorezi y'iterambere yubakiye ku bwubahane, ubwizerane, ukuri, uburinganire, ubworoherane, ubufatanye, n'umuco w'amahoro.

Indangagaciro zishamikiye ku bumwe

Indangagaciro zifitanye isano n'ubumwe ni nyinshi; ariko icyo zihuriyeho zose ni uko zifasha abantu mu mibanire yabo, bakuzuzanya, bagafatanya, bagashyira hamwe mu kubaka umuryango ndetse n'Igihugu. Zimwe mu ndangagaciro zifasha mu kunga ubumwe ni izi zikurikira:

Kubaha ubuzima

Mu muco w'u Rwanda, kugira ubuzima ni indangagaciro mpuzabantu, kuko ubwo buzima umuntu abwifuriza abandi, akabuhabwa n'abandi, na we akabuha abandi.

Uburenganzira bwa muntu bwa mbere ni ukubaho, kuko agaciro ka muntu ari ntagereranywa. Abanyarwanda bagira bati: “*Amagara ntaguranwa amagana*”, kandi bakongera bati: “*Amagara araseseka ntayorwa*”.

Kugira ubuzima bisobanura kugubwa neza, kurama no kuramba; kugira ubuzima burangwa n'impagarike n'ubugingo. Abanyarwanda mu mibanire yabo ya buri muni baba bifurizanya ubuzima bwiza, bikagaragarira muri ibi bikurikira:

- *Kuramukanya: Umunyarwanda aramutsa undi amubaza amakuru y'uko ubuzima bwe bumeze muri icyo gihe bahuye (waramutse, wiriweho, waraye...).*
- *Gusezera: Abanyarwanda basezeranaho bifurizanya kugumana ubuzima. (wirirweho, uramuke; urare aharyana ahataryana harare umwanzi ...).*
- *Kwifurizanya amahirwe n'ibyiza: Mu gusabana n'abandi, Abanyarwanda bifurizanya kugira umuryango, kugira amaboko n'ubutunzi (gira so, gira umugabo, gira umugore, urakabyara, gira abana, gira inka...).*

Ku ndangagaciro yo kubaha ubuzima, hashamikiyeho izindi ndangagaciro zijyanye no kubaha uburenganzira bwa muntu, kwirinda ihohotera iryo ari ryo ryose no kwiyitaho, n'izindi zifite aho zihurira n'ubuzima bw'umuntu cyangwa ubw'abandi.

Kubaha umuryango

Umuryango ni ipfundo ry'ubumwe n'ubuzima bw'abawugize, ukaba ishingiro ry'Igihugu, n'igicumbi gitorezwamo kugira ubumuntu, kikigirwamo kubana n'abandi.

Umuryango ni isangano ry'abawugize: abakurambere, abakambwe, ababyeyi, abana, abuzukuru, abuzukuruza, ubuvivi n'ubuvivure. Umuryango ni urubuga rw'ibiganiro by'abasangiye byose: akabisi n'agahiye, ibyishimo n'amakuba. Umuryango kandi ni ishuri ryigirwamo uburere mboneragihugu.

Umuryango mwiza urangwa n'imico myiza isangiwe n'abawugize: gukundana, kubahana, guha agaciro kangana "hungu" na "kobwa", kwihanganirana, gusabana no guhana imbabazi, kujya inama, kugira ibanga, kwizerana, gushimira, kugira ubupfura n'ikinyabupfura, n'ibindi.

Kubana

Abanyarwanda bumva ko umuntu agomba kumenya kubaho atabangamiye abandi, akagira imyitwarire ya gipfura. Kubana ni ukumvikana abantu bakabana mu mahoro.

Imibanire y'Abanyarwanda yashimangirwaga n'imwe mu mihango n'imiziririzo byatumaga abantu badahemukirana cyangwa ngo bahemukire Igihugu, nko kunywana bahana igihango. N'ubu kandi abantu bahana igihango gishingiye ku ijambo no ku masezerano yo kudahemukirana.

Kubaha no kurangwa n'ikinyabupfura

Kubaha ni ukwemera ko undi muntu ari nkawe, yaba akuruta cyangwa umuruta. Kubaha ni uguha umuntu agaciro n'icyubahiro akwiye. Kubaha ni umuco Abanyarwanda batozwa bakiri bato, haba mu rugo, mu muryango no mu mashuri. By'umwihariko, Abanyarwanda batozwaga: Kubaha Imana, kubaha ababyeyi, kubaha ubuyobozi,

kubaha umuryango, kubaha ubuzima, kubaha abakuruta, kubaha bagenzi bawe, kubaha ibikorwa byawe n'iby'abandi.

Bityo rero, uburere bwiza mu Rwanda ni ubushingiye ku kubaha. Mu muryango, umugabo, umugore n'abana bafite inshingano yo kubahana, ibyo bigatuma barushaho kumvikana. Mu gihugu, abagituye baba bagomba kubahana, buri wese akemera ko mugenzi we ashobora kugira ibitekerezo bitandukanye n'ibye, ariko babihuza bikaba imbarutso y'iterambere.

Abana bagomba gukura batozwa kubaha ababyeyi, abakuru, kwiyubaha bo ubwabo, kubaha abo baruta n'abo bangana. Uwujuje iyi ndangagaciro yo kubaha, Abanyarwanda bavuga ko agira *ikinyabupfura*.

Ikinyabupfura rero ni imico n'imigenzereze myiza bishingiye ku burere bwiza umuntu yatojwe kuva akiri muto, akamenya kwiyubaha no kubaha abandi bikamutandukanya n'umunyamusozi.

Gufatanya

Gufatanya ni ugukorerwa hamwe umurimo umwe, abantu baterana inkunga. Uko ubufatanye bugenda bwiyongera byubaka ubumwe n'ubuvandimwe.

Abanyarwanda bagomba gufatanya, bakisungana mu ngeri zose, nko mu buvuzi, mu bukungu n'ibindi; bakabona ko abantu ari magirirane kandi ko inkingi imwe itagera inzu. Bafatanya kwita ku ngo zabo zikagwiza ibizitunga, bityo bagateza igihugu cyabo imbere.

Gutabarana

Gutabarana ni igikorwa cyo kwihutira kugoboka no gufasha uwugarijwe n'ibyago agashobora kubyizibukira cyangwa kubizibukira kandi na we akabigenzereza atyo abandi mu gihe bibabayeho.

Abunze ubumwe baragobokana nko mu gutabara uwapfushije, uwagwiriwe n'ibiza cyangwa uwarwaye. Gutabarana birimo no kwita ku batishoboye n'abanyanteye nke batagira kivurira.

Gusabana

Gusabana ni ukugira umushyikirano ukomeye hagati y'abantu, buri wese akisanzura ku wundi mu bwuzu bwinsi, nta buryarya. Iyo abagize umuryango muto cyangwa mugari bunze ubumwe, bagira ubufatanye busesuye.

Kwizerana no kujya inama

Kwizerana ni imyitwarire y'abantu bemera kandi batekereza ko nta kibi gishobora kuva kuri umwe muri bo ngo kige ku wundi, ko amasezerano bagiranye azasohozwa bakabana mu mahoro.

Kujya inama ni ukungurana ibitekerezo mu kizere buri wese agatega amatwi mugenzi we, kugira ngo bagere ku myanzuro y'ingirakamaro. Abunze ubumwe baba bakwiye kwizerana; maze ibyo bemeje bikaborohera kubishyira mu bikorwa.

Gucudika

Ubucuti ni umubano uhamye uturutse ku mutima, ugakomezwa n'ibikorwa bigaragara nko gushyira hamwe, gusurana, gutabarana, kugirana inama, gufashanya, gushyingirana, n'ibindi. Abanyarwanda bashima umuntu umenya kubana bagashyira imbere ubucuti kuko buhuza abantu.

Kugira ubwuzu

Ubwuzu ni ibyishimo by'umutima umuntu yakirana abandi. Kugira ubwuzu bigaragarira mu binezaneza, mu nseko, mu rugwiro wakirana ukugana.

Kugira ubuntu

Ubuntu ni ugutanga nta cyo usabwe cyangwa utegereje ku wo uhayeho. Kugira ubuntu ni ukugira umutima ugira impuhwe, ufasha abandi kandi ugatanga nta nyungu utegereje. No mu kwimika umwami bamwifurizaga kuba indakemwa (*“kugira ubutangwa”*) no *“kugira ubuntu bumugenda mu maboko”*.

Kuzirikana

Kuzirikana ni ugutekereza ikintu ku buryo bwimbitse ukagihozaho umutima. Kuzirikana kandi ni ukugira umutima wibuka ibyahise, byaba ibyiza cyangwa ibibi. Kuzirikana bituma umuntu yibuka ko ibyo yagezeho hari benshi babigizemo uruhare, maze na we agaharanira kuzamura abo afite icyo arusha.

Kuganura

Mu mucu w’Abanyarwanda, kuganura byari igikorwa cyo kwishimira no gusangira umusaruro wa mbere w’imbuto nkuru (amasaka, uburo, isogi n’inzuzi). Byabanzaga gukorerwa ibwami mbere yo gusakara mu miryango, mu gihe k’imboneka z’ukwezi kwa Gashyantare kwa buri mwaka (Coupez A., et al, 2005, p.552).

Muri iki gihe, hakorwa umuhango wo gusangira umusaruro, abantu bakishimira ibyo bagezeho bivuye mu maboko yabo kandi bafatanyije. Umuganura wizihizwa ku rwego rw’Igihugu no mu miryango buri mwaka ku wa Gatanu wa mbere w’ukwezi kwa Kanama.

Leta y’u Rwanda ikangurira Abanyarwanda guhurira mu miryango ku munsu w’umuganura bagasabana, bakarebera hamwe ibyo bagezeho nk’umuryango kandi bagafata ingamba zo kurushaho gukora umwaka utaha.

Kirazira zerekeye ubumwe

Umubano mu bantu uhera ku muntu ku giti ke. Nyamara umuntu si nyamwigendaho, abantu ni magirirane. Kugira ngo umuntu abeho, ni ngombwa kubana n’abandi kandi akitwararika ku byahungabanya umubano we n’abandi, ari byo:

Kugira ivangura no kubiba amacakubiri

Kugira ivangura ni ukugira umutima uhitamo abantu ugaheza abandi ushingiyeye ku moko, ku gitsina, ku madini, ku turere, ku kimenyane, ku kenewabo, ku bumuga cyangwa uburwayi, ku nzego z’imibereho, ku bukungu n’ibindi bishobora gutandukanya abantu.

Kubiba amacakubiri ni ukuba intandaro y’ubwumvikane buke n’urwangano byaduka mu bavandimwe cyangwa abandi bantu bari basanzwe bumvikana.

Umunyarwanda yirinda amacakubiri n’ivangura, akanabirwanya aho biva bikagera kuko ari yo ntandaro y’umwiriyane, akarengane n’intambara.

Gusuzugura

Gusuzugura cyangwa kugira agasuzuguro bigaragarira mu kudaha umuntu cyangwa ikintu icyubahiro n’agaciro bikwiye ukabigaragariza mu magambo cyangwa mu bikorwa. Gusuzugura kandi ni ukudakora icyo usabwe cyangwa ugomba gukora ku bwende cyangwa ubitegetswe.

Agasuzuguro kica ubumwe bw’abantu kuko kabiba urwango n’ipfunwe mu mutima w’uwasuzuguwe bikamutera kudashaka kubana no gukorana n’uwamusuzuguye.

Kwishishanya

Kwishishanya ni urwikekwe ruterwa no gutinya, nta mpamvu zifite ishingiro, ko undi muntu yakugirira nabi. Kwishishanya kandi ni ingeso usanga ahanini ikururwa n’ibyo umuntu aba yarabonye cyangwa byamubayeho.

Kwishishanya akenshi bigendana n'ikinyoma, bityo ugasanga bitiza umurindi ingeso mbi nko gukorera mu bwiru, kwironda, ikenewabo n'iyindi myitwarire idahwitse.

Kwironda

Kwironda ni imitekerereze n'imikorere iheza abantu mudafitanye isano ishingiyeye ku bwoko, ku karere, ku madini n'ibindi byose bishobora gushingirwaho abantu bitarura abandi.

Abarangwa no kwironda ntibihanganira gukorana n'uwo badahuje. Barabihisha, bikaba byatuma bashyamirana iyo bagiranye ikibazo, kabone n'ubwo cyaba kidakomeye. Kwironda bituma bamwe bagira uburenganzira busumba ubw'abandi maze bikageza ku itonesha cyangwa ikandamiza.

Gutonesha

Gutonesha ni ugukundwakaza umuntu cyangwa itsinda ry'abantu ukabarutisha abandi. Gutonesha kandi biherekezwa no guha abatoneshejwe ibiruta ibyo bakwiye, ugasanga bagenzi babo babirenganiyemo.

Gutonesha bikunze gukorerwa mu ibanga rikomeye, bigakurura amakimbirane mu bantu kuko akenshi utoneshwa akunze guhakirizwa no kubunza amagambo ateranya.

Gukorera mu dutsiko

Udutsiko ni ijambo rikunze gukoreshwa bavuga udutsinda duhuza abantu bake baba bitandukanyije na bagenzi babo, bagakora ibibi rwihishwa kuko abakora ibyiza mu kinyarwanda batitwa agatsiko ahubwo bitwa itsinda (Coupez A., et all, 2005, p.2555).

Abakorera mu dutsiko usanga ibitekerezo byabo biba bidashingiyeye ku kuri, biba bigamije kwironda no kwikubira akaba ari yo mpamvu badashobora kubigaragariza abandi.

Kubogama

Kubogama ni ugukoresha nk'ikenewabo, ikimenyane, amarangamutima cyangwa ruswa kugira ngo ugenere umuntu ibyo adakwiye. Ibyo bitera akarengane, bikaba byakurura amakimbirane n'amacakubiri.

Kurangwa n'ihohotera

Guhohotera umuntu ni ukwiyeza ku utakwakuye cyangwa ngo agutereho amahane, ahubwo ari ukubera ko umurusha imbaraga cyangwa umufiteho ububasha. Bigaragarira mu kumushyira ku nkeke byaba mu magambo, byaba mu bikorwa.

Umuturarwanda wese agomba kwirinda no kurwanya guhohotera mugenzi we nko gufata undi ku ngufu, kwangiza abana no kubakoresha imirimo ivunanye, gukoresha imvugo isesereza, gusebanya, n'ibindi.

Gutsimbarara ku kibi

Gutsimbarara ku kibi ni ukwihambira ku muntu, ku kintu, ku hantu nawe uzi ko ari kibi ntukireke, kabone niyo byaba bigaragarira bose ko wagombye kuva ku izima. Gutsimbarara ku kibi bigaragaza kudashaka kumvikana no kubana n'abandi mu mahoro.

UBUPFURA

Ubupfura ni inkingi ikomeye mu muco w'u Rwanda. Ni ipfundo rikubiyemo imyitwarire myiza nk'ubwangamugayo, ubudahemuka, kwiubaha no kubaha abandi, kwicisha bugufi, kuba umwizerwa n'umunyakuri.

Ubupfura ni umwambaro w'umutima, bukagararagarira mu mvugo no mu ngiro by'umuntu, bigatuma abamubona bamwizera, bakaba banamufataho urugero. Abanyarwanda bemera ko kuba imfura umuntu abitozwa. Mu muco w'u Rwanda, kugira uburere ni byo bituma umuntu agera ku ntera ndende y'ubupfura.

Ibiranga ubupfura

Ubupfura burangwa n'ibintu byinshi. Bimwe muri byo ni ukugira umutima, ubwangamugayo, ubudahemuka, kubaha indahiro n'ijambo, ubwitange, ubumanzi, kwihangana, kuzirikana, gushishoza, n'ibindi. Ufite iyi mico myiza agira agaciro mu bandi; bigatuma abantu bamushima, bamwubaha, bamugirira ikizere ndetse bakamukunda.

Ubupfura butandukanye n'uburanga cyangwa ubuvuke. Ubwo rero si ubwiza bw'umubiri cyangwa inkomoko. Umuntu abutorezwa mu burere, na we akagira uruhare rwo kubwakira no kubuharanira. Dore ko *Uburere buruta ubuvuke*, kandi hakabaho "*Bwiza bupfuye ubusa*"!.

Indangagaciro zishamikiye ku bupfura

Kugira umutima

Mu myumvire y'Abanyarwanda, umutima ubumbatiye ubupfura n'imyitwarire iboneye biranga umuntu nyamuntu. Kugira umutima ni ukugira imico myiza ishingiyeye ku rukundo, ubwitange, impuhwe n'iyindi.

Kurangwa n’ubumuntu

Mu Kinyarwanda baravuga bati: “*Imfura ni zo bantu*” zikarangwa n’ubumuntu. Ubumuntu ni uburyo umuntu atekereza, akora, yifata akamenya kwiyubaha no guha agaciro abandi, akabatega amatwi, akabagoboka, akubaha n’ibitekerezo bikwiye byabo kuko ari abantu nka we.

Kwitonda

Kwitonda ni ugucisha make, ukagira imyifatire myiza. Kwitonda kandi ni ukudahubuka ari mu magambo ari no mu bikorwa, ugatuza ntugire abo ubuza amahoro (Coupez A., et all., 2005, p.1094). Mbere yo kugira icyo uvuga cyangwa ukora ukabanza ugashishoza kugira ngo utavuga ubusa cyangwa se ukagira uwo ubangamira.

Mu mikorere, kwitonda bivuga gukora witaye ku byo ukora, maze umurimo ukozwe ukaza unozwe kandi ufite ireme, kuko *uwitonze amira ibinoze*.

Kwanga umugayo

Kwanga umugayo ni uguca ukubiri n’ikintu icyo ari cyo cyose kigayitse gishobora gutuma ugaragara nabi cyangwa utakarizwa ikizere n’ukikubonyeho.

Imfura yirinda gukora ikintu cyayitesha agaciro. Kugira ngo umuntu abane neza n’abandi kandi bamushima, ahora yirinda ibikorwa bigayitse.

Imfura ni iyo mwasezerana ntiguhemukire, mwagendana ntigusige, mwaganira ntikuvemo, waterwa ikagutabara, yasonza ntiyibe, musangira ntigucure, yakira ntigusuzugure, wapfa ikakurerera...

Kwiyubaha

Kwiyubaha ni ugukomera ku gaciro kawe mu mvugo no mu ngiro wubahiriza izina n’icyubahiro ukwiye. Kwiyubaha kandi ni ukubaha umubiri wawe, ukawurinda ibiwangiza n’ibiwandagaza.

Kwiyoroshya no kwicisha bugufi

Kwiyoroshya no kwicisha bugufi ni imyitwarire ituma ubana n’abo usumbya ububasha, ubwenge, ubutunzi, imyaka, n’ibindi bituma abantu basumbana.

Kwiyoroshya no kwicisha bugufi ni indangagaciro zigaragarira mu myitwarire yo kutishyira hejuru ngo wumve ko ari wowe uzi kandi ushoboye byose kurusha abandi, niyo byaba ari ko bimeze. Mu kwiyoroshya ni ho hava ubworoherane, ubwumvikane n’amahoro mu bari basanzwe bashyamiranye.

Kuba umunyakuri

Kuba umunyakuri ni ukugira imitekerereze igororotse, iboneye, igaragaza ibintu uko biri.

Kuba umunyakuri bishyigikira indi mico myiza ituma abantu babana neza mu mahoro no mu bwumvikane kandi bigatuma abatanye bikosora. Umunyakuri yimakaza ubutabera akarwanya akarengane. Ni byo bavuga bati: *“Aho kuryamira ukuri waryamira ubugi bw’intorezo”*, cyangwa bati: *“Aho ukuri kugeze ikinyoma kirahunga”*.

Kwihangana

Kwihangana ni ukutarambirwa ukiha umwanya uhagije kugira ngo ugere ku cyo wifuza nubwo byaba bigaragara ko kukigeraho byakurushya (Bizimana S., et Kayumba C., 2011, p. 261).

Uwihangana akomeza umutima mu ngorane ahura na zo, akamenya kureba kure, akemera kubabara ariko arangamiye intego. Yihanganira intege nke z’abandi, akabagira inama kugira ngo bahinduke.

Kurangwa n’ubumanzi

Ubumanzi ni uguharanira kutarangwaho inenge cyangwa ubusembwa ubwo ari bwo bwose mu mico no mu myifatire (Coupez A., et all., 2005, p.1458).

Ubumanzi ni ubutwari bushingiye ku mutima ukomeye, ushobora kurwanya ibishuko bijyanye n’ubutunzi, iraha ry’akanya gato n’ibindi byose bishobora gukurura umuntu. Ubumanzi rero bujyana no kwitsinda, uharanira kurinda izina ryawe icyasha icyo ari cyo cyose.

Kwiramira no kwitsinda

Kwiramira bikunze kujyana no kwitsinda. Kwiramira cyangwa kwitsinda ni ukugira imbaraga z’umutima zituma ushobora kugira ubutwari bwo kureka gukora ikidakwiye, kabone n’ubwo cyari kuba kigufitiye inyungu muri icyo gihe.

Kwiramira no kwitsinda bifasha umuntu gukora igikwiye, bikamurinda kwiyandarika no kwitesha agaciro. Kwiramira birinda umuntu kugwa mu bishuko (ubusambanyi, ruswa, kunyereza umutungo...), kurenza urugero mu myitwarire (imyambarire, imirire, imivugire...).

Kuzuza amasezerano

Abanyarwanda bashima umuntu wubahiriza ibyo yemeye gukora, agakomera ku ijambo, indahiro n’igihango. Yubahiriza ibyo yarahiriye mu masezerano yemeye kuko imvugo ikaba ingiro.

Kugira ijambo ryiza

Ijambo ryiza rirakiza. Kugira ijambo ryiza birengera abantu, bisaba umugeni, bigaba inka, bihoza ababaye, birashimisha, bikanezeza mu birori no mu bitaramo.

Gushima no gushimira

Gushima ni ukwemera agaciro n’akamaro by’ikintu kiza; naho gushimira ni ukugaragariza uwakugiriye neza ko wanyuzwe n’agaciro n’akamaro k’ibyo yagukoreye. Gushima no gushimira uwakugiriye neza ni inshingano iranga ubupfura.

Kirazira zerekeye ku bupfura

Guhemuka

Guhemuka ni imyitwarire irangwa no kunyuranya nkana n'icyo ugomba cyangwa ukwiye gukorera undi. Umuhemu ntazirikana uwamugiriye neza n'uwamugiriye akamaro ngo azamwiture kandi yarabifitiye ubushobozi.

Kwiyandarika

Kwiyandarika ni ukwifata nabi mu buryo bunyuranye n'imyitwarire iboneye kandi ibyo wakoze bibi ntugire isoni zo kubishyira ku gasozi. Ibyo bitesha agaciro uwabikoze, abo bafitanye isano, bikaba byanasebya Igihugu cyose.

Kubeshya

Kubeshya ni ukutavugisha ukuri. Kubeshya byangiza umubano mu bantu, bikadindiza iterambere ry'umuntu ku giti ke ndetse n'Igihugu. Kubeshya kandi byangiza kuko amenyera kugoreka imitekerereze ye, kabone niyo yaba ashakisha ibyamugirira akamaro.

Abanyarwanda ntibakunda ikinyoma. Ibyo bigaragarira mu migani: *“Ikinyoma cyumvise ukuri kimena urugo.”*, *“Ikinyoma gihabwa intebe ntigihabwa ikirago.”*, *“Ikinyoma n'umugayo biguca ku nshuti”*, n'indi myinshi.

Mu muco nyarwanda, cyanecyane nko mu misango hari ubwo abaganira bavuga ibidahuje n'ibiriho. Ntawukwiye kubyitiranya no kubeshya kuko biba bitagamije kuyobya abantu, kandi abaganira ubwabo n'ababumva babimenyereye baba bazi ko ari ukuryoshya iyo mihango n'igitaramo.

Kwikuza no kwirata

Kwikuza ni ukwishimagiza wiha icyubahiro udakwiye, wivuga ibigwi bitari byo. Kwikuza bigaragara ku bantu bahora bashaka kwerekana

ko ibyakozwe byose ari bo byitirirwa, kandi bakumva bakwiye guhora ari bo babishimirwa bonyine, bashaka imyanya y'icyubahiro.

Kwirata ni ukwiyogeza ubwiza, ubukaka, ubutwari, ubutunzi, ubugiraneza, ibyo bikaba byatesha abandi agaciro (Coupez A., et all., 2005, p.1428). Kwirata ni ingeso igaragarira mu guhora umuntu yishyira heza, yivuga, yiyogeza kandi akabikorana umugambi wo kwereka abandi ko abasumbye.

Kugira umururumba n'ubusambo

Umururumba ni irari rituma umuntu adashobora kwihangana abonye ibiryo, rigatuma yumva atahazwa n'ibyagaburiwe, rikamutera gucura abandi. Umuntu agira umururumba nanone, iyo atanyurwa n'ibyo atunze, agahora ararikiye ibintu, bikamutera kwiba cyangwa kurigisa iby'abandi.

Bamwe mu banyamururumba bashobora kugira nabi bakabeshya, bakiba, bakica, kugira ngo bigwizeho ibintu. Iyo inda yasumbye umutima ubumuntu burahazaharira.

Ubusambo ni ubujura cyangwa amayeri akoreshwa mu kwiba iby'abandi ugamije kwigwizaho umutungo. Ni ipfa rituma umunyendanini arya cyangwa anywa byinshi agacura abandi. Ibyo gusangira ntabikozwa kandi aba umunyabugugu, ndetse akaba gito.

Umururumba n'ubusambo birajyana kandi bidindiza iterambere kuko bibuza abantu gusangira neza ibyiza by'igihugu, ugasanga byikubiwe na bamwe, bigakurura umwiryane.

Ishyari

Ishyari ni imungu iba mu mutima ikabuza kwishimira ibyo abandi bafite n'ibyiza bagezeho. Aho kugira ngo umunyeshyari akore yongere ibyo afite, ahorana agatima karehareha kifuza iby'abandi, akabashakira inabi kandi agategura imigambi mibisha yo kubasubiza inyuma.

UMURIMO

Akamaro k'umurimo

Gukora ni inshingano ya buri wese mu muryango w'abantu kuko ari ingirakamaro: utunga kandi ukiza uwukora, umuhesha agaciro, wungura ubwenge iyo ukoranywe ubuhanga.

Umurimo uhesha agaciro uwukora akumva ubwe ko hari icyo yigejejeho cyangwa agejeje ku bandi no ku Gihugu. Umurimo ukoze neza uhesha ishema uwawukoze, ukamushimisha kandi ukamutera kwigirira ikizere, agashyikira intego yo kwigira aho gutegereza ak'imuhana.

Indangagaciro zishamikiye ku murimo

Indangagaciro zifitanye isano n'umurimo ni nyinshi kandi zose zihuriza ku kwihutisha iterambere ry'umuntu ubwe n'iry'Gihugu. Iz'ingenzi ni izi zikurikira:

Kugira umurava

Kugira umurava ku murimo ni ukuwukorana umwete, ukawitaho, ukihatira kuwurangiza neza nta kuzarira. Umunyamurava ni umuntu wita ku murimo ashinzwe: yanga umugayo kandi ntakorere ijisho; agira umwete kandi agaharanira kurusha, akaba indashyikirwa mu mihigo. Arwanira ishyaka aho akorera n'abo bakorana kandi agashimishwa no gutoza abandi cyanecyane abakiri bato umurimo umutunze.

Gukorera ku ntego, kuri gahunda no ku gihe

Kugira ngo ugere ku ntego bisaba ko ukorera kuri gahunda iteguye, buri kintu ukagikorera mu gihe cyacyo, ukagisoza kandi ugatangira umurimo ku isaha iteganyijwe. Gukorera ku ntego bifasha kujya wisuzuma ukamenya intambwe wateye, aho ufite intege nke ugashyiramo ingufu kugira ngo uzese umuhigo wihaye.

Mu rwego rwo kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu, u Rwanda rwashyizeho Ikerekezo kigaragaza aho Abanyarwanda bazaba bageze mu iterambere mu mwaka wa 2020, ndetse n’aho bagomba kuba bageze mu mwaka wa 2050. Ni yo mpamvu buri Munyarwanda afite inshingano yo gukorera ku ntego no ku gihe kugira ngo agere kuri icyo kerekezo.

Gukora umurimo unoze

Kugira ngo ibyo buri wese akora bimugirire akamaro bikagirire n’Igihugu, umurimo ukorwa ugomba kuba utunganye kandi unoze. Buri muntu agomba kwita ku ireme n’ubuziranenge bw’ibyo akora, agaharanira kurangiza neza ibyo ashinzwe.

Gukorera hamwe

Kugira ngo umusaruro utubuke, abantu bagomba kugira ibyo bakorera hamwe bagafatanya. Gukorera hamwe bituma abantu bahuza imbaraga bikababuzza kuba nyamwigendaho. *“Abishyize hamwe ntakibananira.”*

Guhanga imirimo mishya no kuvugurura imikorere

Guhanga imirimo y’ingirakamaro ibyara inyungu kandi itanga akazi ni inshingano ikomeye mu bihe tugezemo. Bisaba rero kuvugurura imikorere mu mirimo hifashishwa uburyo n’ibikoresho bigezweho nk’ikorabuhanga.

Gucunga neza umutungo

Umunyarwanda ushyira mu gaciro acunga neza umutungo we n’uw’Igihugu, akazigama ateganyiriza ibihe bizaza. Guteganya bijyana no kuzigama imyaka, amafaranga n’ibindi bishobora kukugoboka.

Uretse guhunika igice cy’umusaruro hagamijwe guteganyiriza ahazaza, ni ngombwa kumenya gukorana n’amabanki, ibigo by’imari biciriritse no gushora imari mu bikorwa bizana inyungu. Iyo mikorere mishya isaba kugira ubumenyi bushya no kwihugura hifashishijwe inzego zibifitemo ubuhanga.

Kirazira zerekeye ku murimo

Umurimo ni wo utunga umuntu ku giti ke ugatunga n'imbaga y'abantu kandi ugateza imbere Igihugu. Ni cyo gituma kizira gusuzugura umurimo uwo ari wo wose, kuba imbaramukoro, kunebwa, kuzarira no kutarangiza ibyo watangiye.

Kunebwa

Kunebwa ni ukutagandukira umurimo kandi ntugire icyo wibwiriza gukora niyo byaba bigufitiye akamaro. Umunebwe akunda kuvuga kurusha uko akora, ugasanga akenshi aba atanga ibisobanuro by'impamvu atageze ku byo bari bamutezeho. Abanyarwanda baravuga ngo: *“Ubunebwe n'ubukene biragendana”*.

Gusuzugura umurimo

Gusuzugura umurimo ni ingeso mbi yo kwanga gukora witwaje urwego wibonamo. Gusuzugura umurimo ni ubujiji no kutareba kure kuko ik'ibanze cyagombye kurebwa no kwitabwaho ari icyo uwo murimo umariye nyirawo.

Kugira ngo u Rwanda rugire iterambere rihamye, ni ngombwa ko Abanyarwanda bahindura imyumvire yabo, bakumva ko nta murimo usuzuguritse cyanecyane iyo ufitiye akamaro uwukora. N'abakurambere barabivuze: *“Nta mwuga mubi ubaho usibye kwiba no kuroga”*; *“Umurimo ni utunze nyirawo”*; *“Nta mwuga udakiza”*; *“Nta kazi k'umunyagara kabaho!”*;...

Kutigirira ikizere

Kutigirira ikizere ni uguhorana ipfunwe, ukumva ko nta cyo wishoboreye, ugahora wisuzugura, ukitinya, bigatuma udashobora gufata ingamba zatuma witeza imbere.

Kwiyemera

Kwiyemera ni imyitwarire iranga umuntu wumva ari we ushoboye wenyine. Ibyo avuze aba azi ko ari ko kuri; ntiyemera ibitekerezo by'abandi. Mu mikorere ye aba atekereza ko ibyo yakoze bitunganye; ntiyemera kugirwa inama no gukosorwa.

Kwiyemera bitandukanye no kwigirira ikizere kuko umuntu wifitiye ikizere aha agaciro abandi, kandi agirwa akanagisha inama. Abantu biyemera ntibasabana n'abandi kuko iteka baba bashaka kwerekana ko bihagije, ko ari bo bashoboye; naho abababwira ibitari ibyo barazirana. Iyo abwiwe ibitagenda neza cyangwa agiriwe inama arakazwa n'ubusa, uyimugiriye akaba umwanzi we.

Kutagira gahunda

Kutagira gahunda ni imwe mu mpamvu zishobora gutuma udakora neza, utubahiriza igihe n'amasezerano, abaje bakugana ntushobore kubakorera ibyo bifuza, cyangwa ntubikorere ku gihe, ukaba watanga ibitanoze. Utagira gahunda ntamenya aho yashyize ibikoresho akenera kandi bimufasha gutunganya imirimo ye, bigatuma atubahiriza igihe.

Gusesagura

Gusesagura ni ingeso ihabanye n'umuco wo kuzigama. Ni ugupfusha ubusa ibyo umuntu atunze cyangwa ashinzwe, ntahe agaciro imbaraga zakoreshejwe kugira ngo ibyo bintu biboneke. Ababona usesagura basanga yarishyize ku rwego rusumbye urwo ari ho, mu by'ukuri kandi bikamugaruka.

UMUTWE WA GATATU: INGAMBA ZO KWIMAKAZA INDANGAGACIRO

“...Mu muco nyarwanda harimo byinshi byadufasha kubaka Umunyarwanda no kubaka Igihugu cyacu. Dukwiriye kubakira kuri ibyo tukubaka u Rwanda rushya...”

(Perezida Kagame Paul, Gabiro, ku wa 5 Nyakanga 2018).

Umunyarwanda nyakuri ni ubereye umuryango nyarwanda, uharanira kurangwa n’indangagaciro z’umuco, agafatanya n’abandi gushyiraho ingamba zihanye zo kwimakaza indangagaciro z’umuco w’u Rwanda. Ni ihame ko amajyambere aramba ari ashingiye ku muco.

Mu ngamba zo kwimakaza indangagaciro z’umuco w’u Rwanda, twavugaga nko gutegura imfashanyigisho, ibiganiro mu muryango, ubukangurambaga, isuzumabikorwa, n’ibindi.

Gutegura imfashanyigisho

Gahunda yo kwimakaza indangagaciro z’umuco w’u Rwanda iganisha ku iterambere riramba ikeneye imfashanyigisho n’abazikoresha, mu ntera zayo zose. Hakwiye rero inyandiko ziberanye n’abagenewe inyigisho. Bizaba kandi ngombwa guhugura abakangurambaga ngo bagire ubumenyi n’ubushobozi bihagije kugira ngo bashobore kumvikanisha ihame ry’umuco muri urwo rugamba.

Inyandiko n’ibitabo byateguwe bigomba kugezwa ahanu hose (amashuri, amasomero, inzego za Leta, ibigo by’abikorera, amadini n’amatorero, abafatanyabikorwa, n’ahandi) abantu babisanga mu buryo bworoshye. Ibyo byazifashishwa mu gutegura ibiganiro mpaka by’ingeri zitandukanye (abato n’abakuru) ku ndangagaciro.

Ibiganiro mu muryango

Nk’uko Itegeko Nshinga ribivuga ”Umuryango [ni wo] shingiro kamere ry’imbaga y’Abanyarwanda”. Uburere bw’umwana butangirira mu rugo iwabo. Ni yo mpamvu kuganiriza ababyeyi n’abana ku ndangagaciro z’umuco ari ingirakamaro, ariko na bo ubwabo bakaziganiraho.

Ubukangurambaga

Kugira ngo izi ndangagaciro z’umuco w’u Rwanda zimakazwe mu Gihugu hose ni ngombwa ko zisobanurwa mu Mududugu no mu masibo yawo, mu Kagari, mu Murenge, mu mugoroba w’ababyeyi, no mu muganda.

Ubukangurambaga mu nzego z’ibanze ntabwo buhagije. Hazategurwa n’amahugurwa agenewe ibyiciro bitandukanye by’Abanyarwanda bitewe n’imirimo bakora cyangwa serivisi barimo.

Hari izindi nzira zigera kuri rubanda mu buryo butaziguye: ibinyamakuru byandikwa, radiyo, tereviziyo, imbuga nkoranyambaga, amarushanwa, ikinamico, indirimbo, imikino, n’ibindi.

Isuzumabikorwa

Kwimakaza indangagaciro z’umuco w’u Rwanda ngo zibe umusemburo n’inkingi by’iterambere rirambye, birasaba ko habaho uburyo bwo gusuzuma ko iyo ntego yagezweho hifashishijwe ubuhanga n’ibarurishamibare. Gahunda y’Igihugu y’Igenamigambi Rirambye, Imihigo, poritiki zinyuranye, ubuhanzi n’ubugeni, n’ibindi bikorwa bigamije iterambere, bigomba kugaragaza uko byitaye kuri iryo hame.

UMWANZURO

Indangagaciro z’umuco w’u Rwanda zikubiye muri iki gitabo zizagira uruhare mu kunoza imyumvire, imyitwarire n’imikorere by’Umunyarwanda, bitume afata iya mbere muri gahunda y’iterambere rirambye.

Kuberako umuryango ariwo shingiro kamere ry’imbagay’Abanyarwanda, imibereho y’abawugize igomba kurangwa n’indangagaciro, abana bakazitozwa hakiri kare.

Izi ndangagaciro zigomba gukwirakwizwa mu Gihugu hose ndetse no hanze yacyo kugira ngo buri Munyarwanda aho ari hose azimenye maze azigire ize.

Kugira ngo zimakazwe, buri wese akwiye kugira uruhare rwo gukumira no kwamagana ingeso mbi n’imyitwarire bigayitse bizibangamira. Ababyeyi, umuryango mugari, abigisha, ibitangazamakuru, abanyamadini n’inzego z’ubuyobozi, zaba iza Leta, zaba iz’abikorera, n’imiryango itari iya Leta bisabwa kugira uruhare rugaragara mu gusakaza izi ndangagaciro.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

Ibitabo byifashishijwe

1. CHENO, Umuco w'Ubutwari, Kigali 2015.
2. COUPEZ A., et all, Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda n'Igifaransa, Tervuren, 2005.
3. D'Hertefelt M. et Coupez A., La royauté sacrée de l'ancien Rwanda, Texte, traduction et commentaire de son rituel. Annales - Serie N°8- Sciences Humaines - N°52, Musée Royal de l'Afrique Centrale, Tervuren, 1964.
4. Inteko Izirikana, Indangagaciro z'ingenzi mu muco Nyarwanda, Kigali, 2008.
5. I.N.R.S., Turirimbane indirimbo zahimbwe na Sipiriyani RUGAMBA, Butare-Rwanda, Publication N° 38, 1987.
6. KAGAME A., Aperception empirique du temps et conception de l'histoire dans la pensée bantu, Les cultures et le temps. Paris, Payot, 1975.
7. NEC, Uburere mboneragihugu ku matora mu Rwanda, Kigali, 2002.
8. NIC, Indangagaciro z'Umuco Nyarwanda mu Iterambere, Kigali, 2011.
9. NIC, Imfashanyigisho yo gutoza indangagaciro y'ubutwari, Kigali, 2014.
10. MUZUNGU B., Le Dieu de nos pères, Tome II, *Une réflexion théologique sur les données de la religion traditionnelle du Rwanda et du Burundi*, Presses Lavigerie, Bujumbura, 1975.
11. NOTHOMB D, P.B., Un Humanisme Africain, Valeurs et Pierres d'Attente, Editions Lumen Vitae, Bruxelles, 1965.
12. SINDAYIGAYA A., Inkomoko n'Imimaro y'Imiziro n'Imiziririzo mu muco Nyarwanda: icyerekezo cy'Ubumenyamuntu, Kigali, 2007.

Izindi nyandiko zifashishijwe

1. Agaciro Development Fund, Annual Report 2016/2017, Kigali, 2017.
2. MINALOC, Umuganda annual report, Kigali, 2016.
3. MUKAMURENZI B., Education aux valeurs éthiques et culturelles dans le renforcement de l'identité rwandaise – Cas de la valeur d'Ubupfura, Huye, Décembre 2008 (Mémoire ISPC- Butare).
4. National Service of Gacaca Courts, Report on activities of Gacaca Courts, Kigali, 2012.
5. NURC, Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, 2007.
6. UNITY CLUB, Raporo ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda zigomba gutezwa imbere n'imyifatire igayitse ikwiye guhindurwa hagamijwe iterambere rirambye ry'u Rwanda n'Abanyarwanda, Kigali, 2010.
7. UNESCO, Déclaration de Mexico sur les Politiques Culturelles, Mexico City, 26 Juillet- 6 Août 1982.
8. Official Gazette No Special of 24/12/2015, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Kigali, 2015.
9. RGB, The assessment of the impact of home grown initiatives, Kigali.
10. RGB, Impact Assessment of Umuganda 2007-2017, Kigali, 2017.

**“Umuco dusangiye uraturanga
Ururimi rwacu rukaduhuza”**

Agasanduku k'Iposita: 5796 KIGALI - RWANDA
Imeri: info@ralc.gov.rw
www.ralc.gov.rw